# IMFASHANYIGISHO YA 08 KUBAGARA UMURIMA WA KAWA

Kubagara ni igikorwa cyo gukuraho ibyatsi bibi n'ibindi bimera bidakenewe mu murima, cyane cyane mu ikawa, kugirango bidatwara intungagihingwa n'amazi ibiti bya kawa byagombye gutunga kawa. Kubagara bifasha ikawa kubona intungagihingwa zihagije, amazi n'umucyo, bikagabanya indwara n'udukoko twihisha mu byatsi, bityo bikazamura umusaruro n'ubwiza bw'ikawa.

**Ikirare ni iki?**



Ikirare ni ikimera cyose gikuriye ahantu kitifuzwa

Ikirare gicuranwa n'ikawa umutungo urimo amazi n'intungagihingwa

Kubagara nabi bishobora gutera ibiti ubuzima bubi n'umusaruro mucye

**Igihe cyiza cyo kubagara**



Mbere y'uko ibyatsi bibi birabya bikazana imbuto bikongera kumera

Mbere yo gushyiraho ifumbire, kuko iba ishobora gufatwa n'ibyatsi bibi

Mbere yo gusasira

Iyo ubutaka bwamaze kugira ubuhehere buturutse ku mvura kugira ngo imizi y'ibyatsi ibashe gukurwaho neza

**Uburyo bwo kubagara**



Bagaza intoki munsi y’amababi ya kawa

Ntuhinge munsi y’amababi ya kawa kugirango udacagagura utuzi duto tugaburira kawa

**Guhinga munsi y’igiti cya kawa ni bibi !**